

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 013/MOJ/AG/21 RYO KU WA 29/08/2021 RITEGANYA UBUNDI BURYO BWIHARIYE BWO KWITA KU WAKOREWE ICYAHA CY'ICURUZWA RY'ABANTU</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 013/MOJ/AG/21 OF 29/08/2021 PROVIDING FOR OTHER PARTICULAR MEANS FOR SUPPORTING THE VICTIM OF CRIME OF TRAFFICKING IN PERSONS</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 013/MOJ/AG/21 DU 29/08/2021 PRÉVOYANT D'AUTRES MOYENS PARTICULIERS DE PRISE EN CHARGE DE LA VICTIME DE L'INFRACTION DE TRAITE DES PERSONNES</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere:</u> Icyo iri teka rigamije</p>	<p><u>Article One:</u> Purpose of this Order</p>	<p><u>Article premier:</u> Objet du présent arrêté</p>
<p><u>Ingingo ya 2:</u> Gutanga ubutabazi bw'ibanze</p>	<p><u>Article 2:</u> Provision of basic assistance</p>	<p><u>Article 2:</u> Fournir une assistance de base</p>
<p><u>Ingingo ya 3:</u> Icumbi</p>	<p><u>Article 3:</u> Shelter</p>	<p><u>Article 3:</u> Hébergement</p>
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Serivisi z'ubuvuzi</p>	<p><u>Article 4:</u> Medical services</p>	<p><u>Article 4:</u> Soins médicaux</p>
<p><u>Ingingo ya 5:</u> Ingengo y'imari igenewe gutanga ubufasha</p>	<p><u>Article 5:</u> Budget for providing support</p>	<p><u>Article 5:</u> Budget pour la prise en charge</p>
<p><u>Ingingo ya 6:</u> Raporo y'abakorewe icyaha bakiriwe</p>	<p><u>Article 6:</u> Report on registered victims</p>	<p><u>Article 6:</u> Rapport des victimes enregistrés</p>
<p><u>Ingingo ya 7:</u> Ibanga n'uburenganzira ku mibereho bwite</p>	<p><u>Article 7:</u> Confidentiality and right to privacy</p>	<p><u>Article 7:</u> Confidentialité et droit à la vie privée</p>
<p><u>Ingingo ya 8:</u> Gusubizwa mu buzima busanzwe</p>	<p><u>Article 8:</u> Reintegration</p>	<p><u>Article 8:</u> Réintégration</p>

<p><u>Ingingo ya 9:</u> Uburezi n'inyigisho z'imyuga n'ubumenyigiro</p>	<p><u>Article 9:</u> Education and technical and vocational training</p>	<p><u>Article 9:</u> Éducation et formation technique et professionnelle</p>
<p><u>Ingingo ya 10:</u> Gufashwa kwihangira umurimo</p>	<p><u>Article 10:</u> Assistance in job creation</p>	<p><u>Article 10:</u> Assistance à la création d'emploi</p>
<p><u>Ingingo ya 11:</u> Gukurikirana</p>	<p><u>Article 11:</u> Monitoring</p>	<p><u>Article 11:</u> Suivi</p>
<p><u>Ingingo ya 12:</u> Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 12:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 12:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>ITEKA RYA MINISITIRI N° 013/MOJ/AG/21 RYO KU WA 29/08/2021 RITEGANYA UBUNDI BURYO BWIHARIYE BWO KWITA KU WAKOREWE ICYAHA CY'ICURUZWA RY'ABANTU</p>	<p>MINISTERIAL ORDER N° 013/MOJ/AG/21 OF 29/08/2021 PROVIDING FOR OTHER PARTICULAR MEANS FOR SUPPORTING THE VICTIM OF THE CRIME OF TRAFFICKING IN PERSONS</p>	<p>ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 013/MOJ/AG/21 DU 29/08/2021 PRÉVOYANT D'AUTRES MOYENS PARTICULIERS DE PRISE EN CHARGE DE LA VICTIME DE L'INFRACTION DE TRAITE DES PERSONNES</p>
<p>Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta;</p>	<p>The Minister of Justice and Attorney General;</p>	<p>Le Ministre de la Justice et Garde des Sceaux;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 121, iya 122 n'iya 176;</p>	<p>Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 121, 122 and 176;</p>	<p>Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 121, 122 et 176;</p>
<p>Ashingiye ku Itegeko n° 51/2018 ryo ku wa 13/08/2018 ryerekeye gukumira, kurwanya no guhana icuruzwa ry'abantu no gushakira inyungu mu bandi, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 11;</p>	<p>Pursuant to Law n° 51/2018 of 13/08/2018 relating to the prevention, suppression and punishment of trafficking in persons and exploitation of others, especially in Article 11;</p>	<p>Vu la Loi n° 51/2018 du 13/08/2018 portant prévention, élimination et répression de la traite des personnes et de l'exploitation d'autrui, spécialement en son article 11;</p>
<p>Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 14/07/2021 imaze kubisuzuma no kubyemeza;</p>	<p>After consideration and approval by the Cabinet, in its meeting of 14/07/2021;</p>	<p>Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 14/07/2021;</p>
<p>ATEGETSE:</p>	<p>ORDERS:</p>	<p>ARRÊTE:</p>

<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije</u></p> <p>Iri teka riteganya ubundi buryo bwihariye bwo kwita ku wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu na serivisi ahabwa.</p> <p><u>Ingingo ya 2: Gutanga ubutabazi bw'ibanze</u></p> <p>Umuntu ukekwoho gukorerwa icuruzwa ry'abantu ahabwa ubutabazi bw'ibanze akanarengerwa kugira ngo hakumirwe irindi hohoterwa no guhungabanyirizwa umutekano.</p> <p><u>Ingingo ya 3: Icumbi</u></p> <p>Umuntu wakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu mu Rwanda cyangwa uwakorewe icyo cyaha ugaruwe mu Gihugu udashobora cyangwa udashaka guhita asubira aho akomoka, udashobora kwibeshaho, cyangwa udafite aho aba mu Rwanda yakirwa kandi agacumbikirwa by'agateganyo ahantu hagenwe n'urwego rufite serivisi ya <i>Isange One Stop Center</i> mu nshingano.</p>	<p><u>Article One: Purpose of this Order</u></p> <p>This Order provides for other particular means to support the victim of the crime of trafficking in persons and services available.</p> <p><u>Article 2: Provision of basic assistance</u></p> <p>A person suspected to be trafficked is provided with basic assistance and protection to prevent further abuse and insecurity.</p> <p><u>Article 3: Shelter</u></p> <p>A victim of the crime of trafficking in persons in Rwanda or a victim of that crime repatriated from abroad who is unable or does not want to immediately return to his or her origin, who is unable to support himself or herself or who has no place of residence in Rwanda is received and temporarily sheltered at a place designated by the organ in charge of <i>Isange One Stop Center</i> service.</p>	<p><u>Article premier: Objet du présent arrêté</u></p> <p>Le présent arrêté prévoit d'autres moyens particuliers de prise en charge de la victime de l'infraction de traite des personnes et des services mis à sa disposition.</p> <p><u>Article 2: Fournir une assistance de base</u></p> <p>Une personne soupçonnée de faire objet de traite des personnes bénéficie d'une assistance de base et d'une protection afin prévenir d'autres abus et insécurité.</p> <p><u>Article 3: Hébergement</u></p> <p>Une victime de l'infraction de la traite des personnes au Rwanda ou une victime de cette infraction rapatriée de l'étranger qui ne peut pas ou ne veut pas retourner immédiatement à son origine, qui n'est pas en mesure de subvenir à ses besoins, ou qui n'a pas de résidence au Rwanda, est reçue et temporairement hébergée dans un endroit désigné par l'organe ayant le service d'<i>Isange One Stop Center</i> dans ses attributions.</p>
--	---	--

<p>Uwakorewe icyaha acumbikirwa igihe kitarenze amezi atandatu (6) hitawe ku myaka ye, igitsina cye cyangwa ubwoko bw'icuruzwa yakorewe.</p> <p>Uwakorewe icyaha ucumbikiwe ahabwa iby'ibanze bikenerwa birimo ibiribwa, ibinyobwa, ibyo kwambara n'ibikoresho by'isuku.</p> <p><u>Ingingo ya 4: Serivisi z'ubuvuzi</u></p> <p>Uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu ahabwa serivisi z'ubuvuzi n'iz'isanamitima kugeza igihe akiriye kandi agaragarije ihumure n'ituze ku bikorwa yakorewe.</p> <p>Isuzuma rya mbere ry'ubuvuzi rigomba gukorwa nubwo uwakorewe icyaha yaba agaragara nk'umeze neza.</p> <p><u>Ingingo ya 5: Ingingo y'imari igenewe gutanga ubufasha</u></p> <p>Urwego rufite serivisi ya <i>Isange One Stop Center</i> mu nshingano ruteganya buri mwaka ingengo y'imari ikoresha mu gutanga ubufasha na serivisi biteganyijwe mu ngingo ya 3 n'ya 4 z'iri teka.</p>	<p>The victim is sheltered for a period not exceeding six (6) months in consideration of his or her age, sex or the category of trafficking undergone.</p> <p>The victim sheltered is provided with basic needs, including food, drinks, clothes and hygiene items.</p> <p><u>Article 4: Medical services</u></p> <p>A victim of crime of trafficking in persons is provided with medical treatment and psychosocial services until he or she recovers and shows comfort and peace of mind regarding the acts undergone.</p> <p>The first medical examination must be performed even if the victim appears to be in good health.</p> <p><u>Article 5: Budget for providing support</u></p> <p>The institution in charge of <i>Isange One Stop Center</i> service provides annually the budget to cover the cost of support and services referred to in Articles 3 and 4 of this Order.</p>	<p>La victime est hébergée pendant une période ne dépassant pas six (6) mois en tenant compte de son âge, de son sexe ou de la catégorie de traite subie.</p> <p>Une victime se trouvant dans l'hébergement bénéficie des nécessités de base, y compris la nourriture, des boissons, des vêtements et des articles d'hygiène.</p> <p><u>Article 4: Soins médicaux</u></p> <p>Une victime de l'infraction de la traite des personnes bénéficie des soins médicaux et des services psychosociaux jusqu'à ce qu'elle se rétablisse et qu'elle fait preuve de réconfort et de tranquillité d'esprit face aux actes subis.</p> <p>Le premier examen médical doit être effectué même si la victime semble être en bonne santé.</p> <p><u>Article 5: Budget pour la prise en charge</u></p> <p>L'organe ayant le service d'<i>Isange One Stop Center</i> dans ses attributions prévoit annuellement le budget pour couvrir les coûts d'assistance et les services visés aux articles 3 et 4 du présent arrêté.</p>
---	--	---

<p><u>Ingingo ya 6: Raporo y’abakorewe icyaha bakiriwe</u></p> <p>Serivisi ya Isange <i>One Stop Center</i> ikora buri mezi atandatu (6), raporo yerekeye abakorewe icyaha cy’icuruzwa ry’abantu yakiriye. Iyo raporo ishyikirizwa urwego rufite serivisi ya Isange <i>One Stop Center</i> mu nshingano, kopi yayo igahabwa Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano.</p> <p><u>Ingingo ya 7: Ibanga n’uburenganzira ku mibereho bwite</u></p> <p>Amakuru yerekeye uwakorewe icyaha cy’icuruzwa ry’abantu agirwa ibanga kandi agakoreshwa hubahirizwa uburenganzira bwe ku ibanga ry’ibimureba no ku mibereho ye bwite. Ayo makuru ashobora gutangwa gusa iyo ari ngombwa kandi uwakorewe icyaha yabitangiye uburenganzira.</p> <p>Amakuru y’ibanga arimo amakuru yose atangwa n’uwakorewe icyaha cy’icuruzwa ry’abantu n’amakuru ajyanye n’uko ubuzima bwe buhagaze.</p>	<p><u>Article 6: Report on registered victims</u></p> <p><i>Isange One Stop Center</i> service prepares, every six (6) months, a report on registered cases of victims of crime of trafficking in persons. The report is submitted to the organ in charge of <i>Isange One Stop Center</i> service with a copy to the Ministry in charge of Justice.</p> <p><u>Article 7: Confidentiality and right to privacy</u></p> <p>Information regarding the victim of crime of trafficking in persons is confidential and treated in respect of his or her right to confidentiality and privacy. The information may be shared only when it is necessary and with the victim’s consent.</p> <p>Confidential information includes information provided by the victim of crime of trafficking in persons and those regarding his or her health status.</p>	<p><u>Article 6: Rapport des victimes enregistrés</u></p> <p>Le service d’<i>Isange One Stop Centre</i> prépare, tous les six (6) mois, un rapport sur les cas enregistrés des victimes de l’infraction de la traite des personnes. Ce rapport est soumis à l’organe ayant le service d’<i>Isange One Stop Center</i> dans ses attributions avec une copie au ministère ayant la Justice dans ses attributions.</p> <p><u>Article 7: Confidentialité et droit à la vie privée</u></p> <p>Les informations concernant la victime de l’infraction de la traite des personnes sont confidentielles et traitées dans le respect de son droit à la confidentialité et à la vie privée. Ces informations ne peuvent être partagées qu’en cas de nécessité et sous le consentement de la victime.</p> <p>Les informations confidentielles comprennent les informations fournies par la victime de l’infraction de la traite des personnes et celles concernant son état de santé.</p>
--	--	--

<u>Ingingo ya 8: Gusubizwa mu buzima busanzwe</u>	<u>Article 8: Reintegration</u>	<u>Article 8: Réintégration</u>
<p>Iyo uwakorewe icyaha cy'icuruzwa ry'abantu amaze gukira no gutegurirwa gusubizwa mu buzima busanzwe, urwego rufite serivisi ya Isange <i>One Stop Center</i> mu nshingano rumushyikirizwa ubuyobozi bw'Akarere abarurirwamo kugira ngo bumufashe gusubira mu buzima busanzwe.</p>	<p>If the victim of crime of trafficking in persons has recovered and is being prepared for reintegration, the organ in charge of <i>Isange One Stop Center</i> service hands over him or her to the District administration of his or her domicile so that the administration may assist him or her to be reintegrated.</p>	<p>Lorsque la victime de l'infraction de la traite des personnes s'est rétablie et qu'elle est en préparation pour sa réintégration, elle est remise à l'administration du District de son domicile par l'organe ayant le service d'<i>Isange One Stop Center</i> dans ses attributions afin que l'administration du District lui aide à se faire réintégrer.</p>
<p>Urwego rufite serivisi ya Isange <i>One Stop Center</i> mu nshingano rumenyeshya Minisitiri ufite ubutegetsu bw'Igihugu mu nshingano na Minisitiri ufite ubutabera mu nshingano ishyikirizwa rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ingingo.</p>	<p>The organ in charge of <i>Isange One Stop Center</i> service informs the Minister in charge of Local Government and the Minister in charge of Justice of the handing over referred to in Paragraph One of this Article.</p>	<p>L'organe ayant le service d'<i>Isange One Stop Center</i> dans ses attributions informe le Ministre ayant l'Administration Locale dans ses attributions et le Ministre ayant la Justice dans ses attributions de la remise visée à l'alinéa premier du présent article.</p>
<p>Iyo uwakorewe icyaha ari umunyamahanga kandi adashobora cyangwa atifuza gusubira mu gihugu cye, afashwa guhabwa icyangombwa kimwemerera kuba mu Rwanda cyangwa ubuhungiro mu Rwanda.</p>	<p>If the victim is a foreigner and is unable or does not wish to return to his or her country, he or she is assisted to obtain a residence permit or asylum in Rwanda.</p>	<p>Lorsque la victime de l'infraction est un étranger qui ne peut pas ou ne veut pas retourner dans son pays, elle est aidée pour obtenir un permis de séjour ou l'asile au Rwanda.</p>

<p><u>Ingingo ya 9: Uburezi n'inyigisho z'imyuga n'ubumenyigiro</u></p> <p>Ubuyobozi bw'Akarere kashyikirijwe uwakorewe icyaha cy'icuzuzwa ry'abantu wacikishirije amashuri y'uburezi bw'ibanze bw'inyigisho rusange cyangwa ubw'inyigisho z'imyuga n'ubumenyigiro, bumufasha kuyarangiza.</p>	<p><u>Article 9: Education and technical and vocational training</u></p> <p>The District administration to whom the victim of crime of trafficking in persons who dropped out from the general or technical and vocational basic education was handed over, assists him or her to complete the interrupted education.</p>	<p><u>Article 9: Éducation et formation technique et professionnelle</u></p> <p>L'administration du District à laquelle la victime de l'infraction de la traite des personnes ayant abandonné les études d'enseignement général ou de formation technique et professionnelle de base a été remise, l'aide à compléter les études interrompues.</p>
<p><u>Ingingo ya 10: Gufashwa kwihangira umurimo</u></p> <p>Ubuyobozi bw'Akarere kashyikirijwe uwakorewe icyaha cy'icuzuzwa ry'abantu bumufasha kwihangira umurimo ujyanye n'ubushobozi ndetse n'ubumenyi bye.</p>	<p><u>Article 10: Assistance in job creation</u></p> <p>The District administration to whom the victim of crime of trafficking in persons was handed over assists him or her to create a job corresponding to his or her abilities and educational level.</p>	<p><u>Article 10: Assistance à la création d'emploi</u></p> <p>L'administration du District à laquelle la victime de l'infraction de la traite des personnes a été remise lui donne l'assistance à créer un emploi correspondant à sa capacité et son niveau d'études.</p>
<p><u>Ingingo ya 11: Gukurikirana</u></p> <p>Ubuyobozi bw'Akarere kashyikirijwe uwakorewe icyaha cy'icuzuzwa ry'abantu bukomeza kumukurikirana no kumwitaho nyuma y'uko asubiye mu buzima busanzwe nibura mu gihe cy'imyaka ibiri (2).</p> <p>Muri icyo gihe, ubuyobozi bw'Akarere bukora raporo yanditse buri mezi atandatu (6) ku mibereho y'uwakorewe icyaha wasubijwe mu buzima busanzwe cyangwa wahawe</p>	<p><u>Article 11: Monitoring</u></p> <p>The District administration to whom the victim of trafficking in persons was handed over continues to monitor and care for him or her after he or she is reintegrated at least for a period of two (2) years.</p> <p>Within that period, the District administration makes a written report every six (6) months on the welfare of the victim who was reintegrated or who has been granted a residence permit or</p>	<p><u>Article 11: Suivi</u></p> <p>L'administration du District à laquelle la victime de la traite des personnes a été remise continue de la surveiller et de prendre soin d'elle après sa réintégration au moins pour une période de deux (2) ans.</p> <p>Au cours de cette période, l'administration du District fait un rapport écrit tous les six (6) mois sur le bien-être social de la victime qui est réintégrée ou qui a obtenu un permis de</p>

<p>icyangombwa kimwemerera gutura mu Rwanda cyangwa ubuhungiro mu Rwanda. Iyo raporo ishyikirizwa Minisiteri ifite Ubutegetsu bw'Igihugu mu nshingano bikamenyeshwa Minisiteri ifite ubutabera mu nshingano n'Ubuyobozi Bukuru bushinzwe Abinjira n'Abasohoka.</p> <p><u>Ingingo ya 12: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa</u></p> <p>Iri teka ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.</p>	<p>asylum in Rwanda. The report is submitted to the Ministry in charge of Local Government with a copy to the Ministry in charge of Justice and the Directorate General of Immigration and Emigration.</p> <p><u>Article 12: Commencement</u></p> <p>This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.</p>	<p>séjour ou l'asile au Rwanda. Le rapport est soumis au Ministère ayant l'Administration Locale dans ses attributions et en informe le Ministère ayant la Justice dans ses attributions et la Direction Générale de l'Immigration et de l'Émigration.</p> <p><u>Article 12: Entrée en vigueur</u></p> <p>Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.</p>
---	---	---

Kigali, 29/08/2021

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

BUSINGYE Johnston

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux